REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE
DE LA CULTURE, DES SPORTS
ET DE LA FORMATION
PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI

Note

Kigali, le 10/04/1998

N° 404/21.00

URGENT!

Kuri Bwana/Madamu :
- Umunyamabanga Mukuru
- Umunyamabanga Wihariye
- Umukuru w'Imirimo muri MIJESCAFOP (bose) Sports
- DAAF

**IMPAMVU : KUBATUMIRA MU NAMA**

Bwana, Madamu,

Nk'uko byari byemejwe mu nama ya Minisiteri yo kuwa 02/03/98, ko hazajya haba inama buri wa mbere w'icyumweru, nishimiye kubatumira kur'uyu wa mbere taliki ya 13/04/98 kuva saa tatu za mu gitondo.

Tukaziga ku bibazo bikurikira :

1. Kwemeza ibyemezo by'inama ivugwa hejuru no kureba bimwe mubyasabwe gukorwa aho bigeze
2. Kubagezaho ibyemezo bimwe by'inama y'abaminisitiri birebana n'inshingano za MIJESCAFOP
3. Ikoreshwa ry'ingengo y'imari yagenewe MIJESCAFOP
4. Ibindi.

Ku mugereka w'iyi baruwa nometseho inyandiko-mvugo y'inama yavuzwe hejuru.

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo
Umuco no Kwigisha Imyuga
Iciriritsse

Dr. Yakobo BIHOZAGARA

REPUBLIQUE RWANDAISE
de la Jeunesse, des Sports de la Culture de la Formation Professionnelle

Tél. 8 35 12, 8 35 13, 8 35 40
Fax. 8 35 18

# RAPORO Y'INAMA YO KU WA MBERE TARIKI YA 2 WERURWE 1998.

Inama yo ku wa mbere tariki ya 2 Werurwe 1998 yari iyobowe na Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Sporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Icyiritse, yabereye ku cyicaro cy'iyo Minisiteri.

*. **Abaje mu nama** :

- Bwana KABANDANA Marc : Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP.
- Bwana MUSONI James : Umuyobozi w'Urubyiruko
- Bwana RWIGEMA Paterne : Umuyobozi wa Siporo
- Bwana MUKIMBIRI Jean : Umuyobozi w'Umuco
- Bwana NTIDENDEREZA William : Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga Icyiritse.
- Madamu KANYANGE Anne Marie : Umuyobozi w'Imirimo Rusange.
- Bwana KAREMERA Pierre : Umunyabanga Wihariye wa Minisitiri.

*. **Ibyari ku murongo w'Ibyigwa**

1. Gusuzuma ibibazo byaba byaravutse mw'ikoreshwa ry'ingengo y'imari 1998 no gushyiraho akanama kajya gakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyo ngengo y'imari.
2. Raporo y'ibikorwa bya Minisiteri y'umwaka w'I 1997.
3. Gahunda y'Ibikorwa bya Minisiteri.
4. Kurebera hamwe uburyo Ishami ry'Igena migambi( Division Planification) ryavugururwa rikarushaho gukora neza.
5. Ibindi.

*. **Uko Imirimo y'Inama yagenze**.

Mbere yo gutangira kwiga ingingo ku yindi, Minisitiri yibukije Ibyari ku murongo w'Ibyigwa, yongeraho indi ngingo ya gatanu yerekeranye n'« uburyo bwo gusezera Abakozi » Nyuma yasabye abari mu nama kumugezaho ibyo bumva byakwigwa muri « Divers ». Ibyo bifuje byavugwa muri Divers ni ibi :

- Gusura ba Encadreurs b'Urubyiruko mu ma Perefegitura, bakagezwaho gahunda y'Ibikorwa bya Minisiteri.
- Itunganywa ry'Imikino ya Siporo hagati ya za Minisiteri.
- Itegura ry'Isabukuru ya kane yo kwibuka Itsembabwoko n'Itsembatsemba.
- Inama mpuzamahanga y'Umuco n'amajyambere izabera I Stockholm mu gihugu cya Suède.
- Umushinga w'Abanditsi cumi na babiri b'abanyafurika ku rwibutso rw'Itsembabwoko n'Itsembatsemba.

1. **Ikoreshwa ry'Ingengo y'Imari 1998**.

Kubera ko mu mikoreshereze y'Ingengo Y'Imari y'uyu mwaka w'I 1998, hadutse uburyo bushya bwo gukora, habonetse ibibazo, bimwe bijyanye n'akamenyero gake. Minisitiri yatanze urugero rw'imishahara y'abakozi yatinze ; impamvu imwe ikaba ari uko iyo mishahara yagombaga kunyuzwa kuri konti z'abakozi.

Umunyabanga yunzemo avuga ko impamvu nyinshi z'ibibazo zifite inkomoko ku mikorere ya Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, kuko ibyemezo byinshi ifata biba ari théoriques ariko ishyirwa mu bikorwa byabyo bikaruhanya ; ni muri urwo rwego hatateganijwe umwanya uhagije hagati y'ifungurwa ry'amakonti y'abakozi no kubahemba ; Minisiteri zahembeye abakozi babo igihe ni Minisiteri y'Ingabo n'iy'Uburezi, kubera ko bakomeje kubahembera ku ma lisiti. Umunyamabanga yongeye kwibutsa ko usibye Imishahara, hari ibindi bice bigize Ingengo y'Imari ari byo : B.O(Budget ordinaire) na B.D(Budget de Développement) ; hari ibikoresho bigomba kugurwa n'imodoka zigomba gukoreshwa ; ibyo byose MINIFIN yari yavuze ko izatangaza.ama liste y'abemerewe gukorana na za Minisiteri, ariko igihembwe cya mbere kigiye kurangira bitarakorwa.

Amaze kugaragaza Uruhare rwa Minisiteri y'Imari mu bibazo byagaragaye mw'ikoreshwa rya Budget, Umunyamabanga Mukuru yavuze ko n'abayobozi ba za Directions na bo batashoboye gutanga gahunda y'Imikoreshereze y'Imari mu gihembwe cya mbere nk'uko bari babisabwe, uretse Umuyobozi w'Umuco wenyine .

Ibyerekeye carburant, MINIFIN ni yo yakoresheje ipiganwa, B.P FINA yegukana isoko.

Nyuma yo kwungurana ibitekerezo kw'Ikoreshwa ry'Ingengo y'Imari hafashwe imyanzuro ikurikira :

- Budget igomba gukoreshwa mu buryo Cohérent ; ni ukuga ko ibikorwa byateganijwe bigomba gukorwa, n'amafaranga yasabwe agakoreshwa ; kugira ngo ibyo.bigerweho, hemejwe ko buri wa mbere saa tatu hazajya haba inama ihuje abayobozi muri Minisiteri bakigira hamwe ibikorwa biteganyijwe mu cyumweru, amafaranga azabitangwaho n''imbonerahamwe y''mafaranga asigaye kuri Budget. Abari mu nama bifuje ko abashinzwe DAAF na Planification bajya baza bakatugezaho ingingo zibareba by'umwihariko hanyuma bakagenda.
- Ku byerekeye imikoreshereze y'amavuta, hemewe principe y'uko buri Muyobozi agomba kuba responsable w'Imikoreshereze y'amavuta.
- Icyifuzo cya Charroi cyerekeranye n'iminsi yo gutanga amavuta (ku wa mbere no ku wa gatatu) cyarashyigikiwe hanyuma bemeza ko Charroi yajya ategura Bons z'amavuta kuri iyo minsi yavuzwe haruguru, zikoherezwa aho zagenewe. Umuyobozi ufite izindi gahunda zizwi, agomba kuzitanga, akerekana na Ordre de mission.
- Kugira ngo imicungire y'imodoka za Leta irusheho kugenda neza kandi akajagari kagabanuke, hibukijwe ko imodoka zose zigomba kurara kuri Minisiteri usibye iz'Abayobozi bonyine. Naho ibyerekeranye n'imodoka zo mu ma Projets, ikibazo cy'aho zigomba kurara kizigirwa mu yindi nama.
- Abayobozi basabwe gutegura gahunda y'Imikoreshereze y'Imari y'amazi atandatu cyangwa y'umwaka hakurikijwe ibikorwa, bikazatangwa bitarenze tariki ya 11 Werurwe 1998.

2. **Raporo y'umwaka 1997.**

Abenshi barazitanze , usibye Secrétariat Général n'Ubuyobozi bwigisha Imyuga Iciriritse. William yemeye ko azaba yayitanze tariki ya 5 Werurwe. Hemejwe ko Umuyobozi w'Ibikorwa Rusange agomba kuzatanga document de synthèse tariki ya 13 Werurwe 1998

3. **Gahunda y'Ibikorwa bya Minisiteri (Plan d'actions).**

Bemeje ko iyo Plan d'actions yacibwa mo ibice bibiri : Hazabanza hakorwe « les actions à court terme »zizane na Raporo y'umwaka wa 1997. Hanyuma kw'itariki 30 Werurwe, hazabe hateganijwe « Plan triennal »y'imyaka itatu.

4. **Kuvugurura Ishami ry'Igenamigambi**

Kubera ko basanze ririya shami ricumbagira biturutse ku mpamvu zo kutagira abakozi babishoboye, nyuma y'ibitekerezo binyuranye byatanzwe n'abari mu nama, hafashwe ibyemezo bikurikira :

- Bashatse mu zindi services za Minisiteri abakozi babishoboye bajya kwunganira abasanzwe muri Division Planification. Bemeje ko NSENGA David yaba Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi, Ndayisaba Juvénal akunganira BITWENGE mu gutegura Imishinga, HATEGEKIMANA Emmanuel akaba Responsable wa Informatique, naho GATABAZI Aloys agashingwa za Statistiques.
- Kugira ngo abo bakozi basohoze neza inshingano zabo, hemejwe ko bazashakirwa amahugurwa mu byo gutegura no gukurikirana imishinga.
- Umuyobozi w'Imirimo Rusange yasabwe kwiga uburyo abo bakozi bagenerwa « agahimbazamusyi »(motivation).
- Ibyerekeranye n'uburyo bwo gutegura imishinga, Minisitiri yasabye Abayobozi ko bajya babanza bagashakisha neza (Identification) imishinga ijyanye na Politiki Ngenderwaho ya Minisiteri, hanyuma ibitekerezo by'iyo mishinga (idées de projets) bikabanza bikagezwa mu nzego zo hejuru mbere y'uko byoherezwa muri « Division Planification » kugira ngo bishyirwe mu nyandiko (Dossier Technique).

5. **Uburyo bwo Gusezera abakozi**

Minisitiri yagejeje ku bari mu nama ibyavugiwe mu mibonano hagati ya za Minisiteri zirebwa n'imibereho myiza y'abaturage(Ministères Sociaux). Kubera ko ibyo bagejejweho na Minisiteri y'Abakozi ba Leta byabatunguye, basabye guhabwa ilisiti ya nyuma ya « Places organiques » akaba ariyo baheraho bagabanya abakozi bari muri Minisiteri bashinzwe ; ibyo barabyemerewe. Naho ilisiti yavuye muri MIFOTRA iriho abakozi bagomba gusezererwa, Minisitiri yasabye abari mu nama kuyigaho, bakemeranya ku bagomba kugenda byaba ngombwa bakongeraho n'abandi badashobotse, MIFOTRA yaba yaribagiwe.

Ku byerekeye impungenge zerekeranye n'uburyo Leta yaba yarateganije bwo gufasha abo bantu basezerewe, Minisitiri yabashubije ko Leta iteganya kubaha ibyangombwa byabo bigenwa n'amategeko(amafaranga y'imperekeza) mbere y'uko bagenda. Bashingiye kuri expériences zagaragaye mu bindi bihugu, basanze guhera rimwe abakozi amafaranga y'amezi 18 byatera ibibazo, ni yo mpamvu bifuje ko abakozi bakiri bato cyane bashakirwa uburyo bwo guhugurwa mu gihe cy'amezi 6 kugira ngo bongere ubumenyi bwabo, mbere y'uko bajya

kwirwanaho. Ni muri urwo rwego Minisiteri yacu izagira uruhare runini mu gutera inkunga iyo gahunda ya Gouvernement.

Umuyobozi Ushinzwe Imyuga Iciriritse yasabwe kwiga uburyo Ibigo twateganyaga gufungura, bikorwa bifite icyo bishingiyeho kandi bikazahera ku mibare tuzahabwa na MIFOTRA.

6. Izo ngingo uko ari eshanu zirangiye abari mu nama bagejejweho ku buryo bwo kumenyeshwa(information) ibyari muri « Divers »

7. **Gahunda yo gusura ba Encadreurs mu ma Perefegitura**.

Ashingiye ku bibazo ba Encadreurs b'Urubyiruko bamugejejeho mu nama baherutse kugirana, Umuyobozi w'Urubyiruko yasanze ari ngombwa ko Abakozi bo mu nzego zo hejuru za Minisiteri bamanuka bagasobanurira abo ba Encadreurs Gahunda z'Ibikorwa bya Minisiteri n'Inshingano n'Uruhare babifitemo ; muri iyo Gahunda hateganijwe no gukangurira amaperefegitura amwe n'amwe iby'umushinga « IGA » wo muri jeunesse. Mu gufata ijambo, Umunyamabanga Mukuru yavuze ku byerekeranye n'umushinga « Intégration des Jeunes dans le Développement Socio-économique et Culturel du Pays » ; uwo mushinga ukaba wafasha cyane mw'ikemura ry'ibibazo ba Encadreurs bahura na byo. Minisitiri yifuje ko uriya mushinga wa « Intégration des Jeunes » wagombye kubanzirizwa na phase ya diagnostic; Ushinzwe ; « Services Décentralisés » akazakora synthèse. Iriya mishinga yindi « IGA » na « Structures Organisationnelles » ikazifashisha ibyavuye muri Diagnostic.

Ku byerekeye Abayobozi b'Urubyiruko mu rwego rwa Komini, Minisiteri yacu igomba kuzagirana imibonano na MININTER kugirango abo bakozi bahabwe agaciro mu rwego rwa décentralisation.

7. **Sport pour tous (Imyiteguro ya Championat Mpuzabigo ya Foot, Basket na Volley-Ball).**

Mu rwego rwo kwiyandikisha, Minisiteri zose ntizashoboye kwiyandikisha, habonetse amakipe 9 gusa. Basanze iyo mikino itategereza ko abandi bose biyandikisha, ko ahubwo Championat yatangira, maze imihango yo kuyitangiza ikazakorwa ku munsi w'imibyizi. Minisitiri yaboneyeho kumenyesha Umuyobozi wa Siporo ko Uhagarariye igihugu cy'Ubuholandi(Hollande) mu Rwanda yemeye gutera inkunga imishinga ya Siporo ; Umuyobozi wa Siporo yasabwe kuzaba yateguye imishinga ye yose, ikazashyikirizwa uwo Ambassadeur mu cyumweru gitaha.

8. **Itegura ry'Isabukuru ya kane yo kwibuka Itsembabwoko n'Itsembatsemba**.

Ibirebana n'Iyo Sabukuru biriho birategurwa, bakaba bateganya ko bizabera mu Bisesero muri Perefegitura ya Kibuye, kuko bashaka kuhashyira « Site de Résistance » Icyumweru cyo kwibuka itsembabwoko n'itsembatsemba, cyateganirijwe ibikorwa bikurikira :

- Ibiganiro bizatangwa n'inzego zose (zaba iza Leta cyangwa iz'abikorera ku giti cyabo) zirebwa n'icyo kibazo ; bazageza ku banyarwanda bose bilan y'imyaka ine.
- Ibyo biganiro bizasimburana n'indirimbo z'amaganya n'agahinda ; abahanzi bagomba kubikangurirwa.

- Ubuhamya (témoignages) buzatangwa n'abanyarwanda baturutse mu mpande zose z'igihugu.
- Hazashyingurwa ibisigazwa by,abazize itsembabwoko n'itsembatsemba.

Niba kw'itariki 7 Mata imyiteguro y'I Bisesero izaba itararangira, bazareba ahandi bamaze iminsi bitegura ahashobora kuzabera iyo sabukuru nk'i Kaduha (Gikongoro), Birenga na Rukara muri Kibungo.

9. **Umushinga w'abanditsi 12 b'Abanyafurika ku rwibutso rw'Itsembabwoko.**

Abo banditsi bazagera mu Rwanda mu kwezi kwa Nyakanga, bamare amezi abiri bandika kuri génocide ; ibyo bizaba bitegura « Conférence internationale » izabera i Lille mu Bufaransa mu mwaka w'I 2000.

10. **Urugendo rwo mu Burusiya**.

Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga Iciriritse yasobanuye impamvu y'URUGENDO RWO MU Burusiya, ko kwari ukureba uburyo Umushinga wo Kwigisha Imyuga w'I Kavumu wakwagurwa (extension) no gusuzuma indi mishinga twakorana n'Uburusiya mu mishyikirano bagiranye na Emercom, abarusiya bagaragaje ko bashyigikiye imishinga ikurikira :

- Kumenyekanisha(Vulgariser) imashini zo guhinga (tracteurs)zo mu Burusiya.
- Imashini zikora imitobe n'amata.
- Gushyiraho ikigo ndangamuco gihuza Uburusiya n'U Rwanda.
- Kwagura Ikigo cya Kavumu kikaba « Centre polytechnique »yahurirwaho n'abanyeshuri baturutse mu bihugu bidukikije.

Inama yatangiye ku ya 2 Werurwe, irangiza imirimo yayo ku ya 3 Werurwe.

Bikorewe I Kigali, tariki ya 04/03/1998

**Umuyobozi w'Inama**
**Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo**
**Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.**

**Dr YAKOBO BIHOZAGARA**

**Umwanditsi w'Inama**

**KANYANGE Anne Marie**

Kanyange